# 198: Umwami wacu, Yesu

1.

Umwami wacu, Yesu, Ni we Tangiriro Ry'itorero yaremye Mu mazi n'ljambo. Yazanywe mw isi yacu No kudukiz' ibyaha,Ngo tub' Itorero rye Yaguz' amaraso.

2.

Itorero ni rimwe Mu mok' atar' amwe; Umwami waryo n'umwe Riramusanganira. ifunguro ni rimwe. Ritung' abaryo bose;Rishim' izina rimwe. N' iry'Umucunguzi.

3.

Yewe, kintu cyazanye Ibice muri ryo, Bikarisuzuguza Abataririmo ! Nyamar' abera baryo Bahora bari maso,Babwir' Umwam' ibyaryo Ngw az' arirengere.

4.

Mu byago biritera, Rijya riruhurwa No guteg' amahoro Mu bihe bizaza. Ryifuza kuzabona Ibyiza byo mw ijuru,Ni riva ku rugamba, Rinesheje rwose.

5.

Kandi, rikiri mw isi, Rifitany' ubumwe Na Dat' Imana yacu N'abe bo mw Ijuru. Abo, bakiri mw isi, Bafatanyaga na We.Nanjy' umpe kuba nka bo, Mbasange mw ijuru.

Visit us at indirimbo.com